



## Imyanzuro y'ikiganiro cy'ubwiyunge mu banyarwanda (Icyiciro cya 2009)

Inama yahuje abanyarwanda mu biganiro by'ubwiyunge i Palma ya Mallorca muri Hispaniya kuva kw'itariki ya 30 Mata kugeza ku ya 3 Gicurasi 2009.

Bamaze kubona imyanzuro y'ibiganiro by'ubwiyunge y'abagize amatsinda yihariye yo mu Budage, Ububirigi, Ubuholandi, Canada, Amerika, Ubufaransa n'Ubutaliyani mu mwaka wa 2007; amatsinda yihariye y'abategarugori, kimwe n'ayo muri Congo-RDC mu mwaka wa 2008;

Abahagarariye ayo matsinda yari ahuriwemo n'abahutu, abatwa n'abatutsi, ndetse n'abanyekongo, barashimira Leta n'inteko Nshingamategeko yo muri Hispaniya, inkunga bakomeje gutanga kugira ngo akarere k'ibiyaga bigari byo muri Afurika cyane cyane mu Rwanda, bigarure amahoro n'umutekano birambye;

Bamaze kwiga uko byifashe ubu muri ako karere, imigambi n'imyanzuro yafashwe mu nama zabanjirije iyo nama arizo DIR-04-06-07-08, abahuriye muri iyo nama barasaba ibi bikurikira:

1. Gukusanya ibishoboka byose kugirango ikiganiro cy'ubwiyunge gihuriwemo n'abanyarwanda b'ingeri zose (Dialogue Inter-Rwandais hautement inclusif : DIRHI) gikurikiwe n'indeberezi, kibe mbere y'amatora azaba mu Rwanda muri 2010. Icyo kiganiro (DIRHI) cyahurirwamo n'abahagarariye amashyirahamwe y'abaturage, abahagarariye imiryango itagengwa na Leta, abahagarariye amashyaka, akorera mu Rwanda no hanze yarwo. Ni muri urwo rwego rwonyine hashobora kuboneka ikizere hagati y'amoko yose atuye u Rwanda; icyo kizere kikaba ari ngombwa mu bwiyunge nyakuri, no mu kugarura amahoro n'iterambere mu karere k'ibiyaga bigari. Icyo kiganiro cyakwibanda ku ngingo zirimo izi zikurikira:

- Ikibazo cy'amoko no gushyiraho itsinda ry'inzobere zigenga kugirango zandike amateka y'u Rwanda ashobora kuba intandaro yo gusobanura akaga kagwiririyeye abanyarwanda;

**Red Internacional para la Verdad y la Reconciliación en África Central**  
**Réseau International pour la Vérité et la Réconciliation en Afrique Centrale**

Con la colaboración de / Avec l'appui de:

Amb el suport de:



**Govern  
de les Illes Balears**

Conselleria d'Affers Socials,  
Promoció i Immigració  
Agència de Cooperació Internacional



Agencia Española  
de Cooperación  
Internacional  
para el Desarrollo



- Gutanga ihumure n'umutekano ku banyarwanda b'ingeri zose;
- Gushyiraho ubutabera burenganura abazize urugomo muri ako karere k'ibiyaga bigari, kandi bakibukwa bose uko bakabaye, aho kwibuka bamwe na bamwe;
- Gushyiraho akanama kagamije gushaka ukuri n'ubwiyunge nyakuri;
- Ikibazo cyo kuringaniza imibereho n'amahirwe y'abaturage ;
- Gushyiraho uburyo butagira amakemwa bwo gukwirakwiza, kurinda no gukurikira uburenganzira bw'ikiremwanuntu;
- Uruhare rw'abategarugori n'uburezi mu gukiranura ibibazo bitera intambara;
- Kubaha ubwigenge, imibanire myiza y'ibihugu, n'amahoro mu karere;
- Imishinga y'amajyambere mu bukungu bw'ibihugu by'akarere, ubuhahirane no gutembera nta nkomyi mu karere;

2. Kugirango ikiganiro cy'ubwiyunge gihuriwemo n'abanyarwanda b'ingeri zose (DIRHI) gishobore kuba, amashyirahamwe y'abaturage, ay'urubyiruko, n'ay'abategarugori, amashyaka, agomba kwihutira gukurikiza inshingano zayo kugirango ubutegetsu bwo mu bihugu by'akarere k'ibiyaga bigari bugendere ku mategeko muri demokarasi n'iringanizwa ry'amahirwe ya buri muntu.

Bahereye ku makuba, n'ubwicanyi butagira ingano byakorewe abaturage bo mu karere k'uburasirazuba bwa Kongo, uruhare rwa leta y'u Rwanda n'abandi bagizi ba nabi bitwaje intwari, muri urwo rugomo, abateraniye mu nama ya Palma barasaba amahanga yo gukora ibishoboka byose kugira ngo haboneke umuti w' ikibazo cy'u Rwanda aricyo nyirabayazana mu ntambara zibera mu karere k'ibiyaga bigari. Abateraniye muri iyo nama kandi barasaba ko hashyirwaho urwego ruhuriyemo abanyarwanda n'abanyekongo kugirango bashakire hamwe byihutirwa inzira zo gukemura icyo kibazo.

Abateraniye mu nama barashimira abayiteguye, cyane cyane Juan Carrero, Irma Rognoni na Jordi Palou kimwe n'abafasha babo, kubera ubwitange mu gufasha abanyarwanda mu nzira y'ubwiyunge nyakuri.

**Red Internacional para la Verdad y la Reconciliación en África Central**  
**Réseau International pour la Vérité et la Réconciliation en Afrique Centrale**

Con la colaboración de / Avec l'appui de:

Amb el suport de:



**Govern  
de les Illes Balears**

Conselleria d' Afers Socials,  
Promoció i Immigració  
Agència de Cooperació Internacional



Agencia Española  
de Cooperación  
Internacional  
para el Desarrollo



Imishyikirano-huriro NyaRwanda • DIR 2009  
Dialogue IntraRwandais • DIR 2009

Barashimira kandi abateguye inama kuba barashoboye guhuza abahutu, abatutsi n'abatwa, abanyarwanda b'uturere twose, kugirango bashobore kugeza ku bandi imyumvire yabo kuri icyo kibazo no gushaka ibisubizo bishobora guhumuriza no kubahiriza umutekano wa buri wese.

Abateraniye mu nama barashimira kandi indorerezi n'inshuti z'u Rwanda kubera umuganda batanze mu mirimo yakozwe n'imigambi bafashe yo gukomeza guhuza abanyarwanda no kubafasha gusabana.

Abateraniye mu nama barashimira kandi Leta y'Ibirwa bya Balears ukuntu yabakiriye n'inkunga yabahaye kugirango imirimo yabo igende neza.

Abateraniye mu nama ya 2009

#### ABITABIRIYE IKIGANIRO:

Bagirimvano Monique; Bucyedusenge Germaine; Gatabazi Tite Rutikanga; Kabanda Celestin; Kanyamibwa Jacques; Kanyarushoki Claver; Karangwa Semushi Gerard; Kayombya Jean Damascène; Kayumba Claver; Lwiyando Donato; Makuza Victor; Marara Christian; Matata Joseph; Muhawenimana Chantal; Mujawayezu Spéciose; Mukashema Esperance; Munyurangabo Jeanne d'Arc; Ndagijimana Jean-Marie; Ndayisaba Elysée; Ndereyehe Charles; Njila Heri; Nkinamubanzi Pierre Claver; Numuhoza Marie Lyse; Ntaganzwa Jean Damascène; Nyirankuliza Spéciose; Rwasamanzi Jean Paul; Twagiramungu Noel; Umuhoza Victoire; Uwimana Clémence Zakiya.

#### INDOREREZI:

Azparren José Eugenio; Casòliva Joan; De Beule Christiaan; Dekker Nicolaas; Florensa M<sup>a</sup> Teresa; Gomariz Manel; Koetsier Nelly; Martínez Waldina; Parada Imma; Sampol Père; Syoen Martine ; Vicens Bernat ; Vicente Eva ; Volosín Susana.

#### ABUNGANIYE IKIGANIRO

Carrero Juan; Palou Jordi; Rognoni Irma.

**Red Internacional para la Verdad y la Reconciliación en África Central**  
**Réseau International pour la Vérité et la Réconciliation en Afrique Centrale**

Con la colaboración de / Avec l'appui de:

Amb el suport de:



**Govern de les Illes Balears**  
Conselleria d'Afers Socials,  
Promoció i Immigració  
Agència de Cooperació Internacional



Agencia Española de Cooperación Internacional para el Desarrollo

<http://aferssocials.illesbalears.cat>